No 210 Gashyantare 2018

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA





## IKIGANIRO KURI NDI UMUNYARWANDA N'IKIGANIRO KU MAHAME REMEZO BYAHINDUYE IMYUMVIRE Y'URUBYIRUKO



*Padiri Innocent Consolateur, Komiseri muri CNUR*

*Nyuma y'uko urubyiruko rwatoranyijwe n'Imitwe ya Politiki mu Mujyi wa Kigali rukomeje amahugurwa ategurwa n'Ihuriro mu ishuri ryaryo ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi/ youth political leadership academy (YPLA); kuri uyu wa gatandatu tariki ya 10 Gashyantare 2018, hatanzwe ibiganiro byahinduye imyumvire y'urubyiruko ruyakurikira. Ibiganiro bibiri (2) byatanzwe, kimwe kibanze kuri Gahunda ya Ndi Umunyarwanda, ikindi kigaruka ku Mahame Remezo ateganywa mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryavuguruwe mu 2015.*

Atanga ikiganiro kuri Ndi Umunyarwanda, Komiseri muri Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Padiri Innocent Consolateur, yabwiye uru rubyiruko ko Ndi Umunyarwanda ari urugendo u Rwanda nk'Igihugu rwiyemeje gusangiza Abanyarwanda bose, ikaba icyomoro ku mateka mabi Iguhugu cyanyuzemo, ikaba kandi Igihango ku banyarwanda twese kugira ngo ibyabaye bitazasubira ukundi. Padiri yavuze ko Ndi Umunyarwanda kandi iha abanyarwanda urubuga bakongera kwiyubakamo ubunyarwanda buzira icyakongera kubukomeretsa , icyasubira gutatira igihango k'urwatubyaye, bityo ikongera kwimika igihango dufitanye nk'Abanyarwanda, abato bacu bagakura biyumva mu Rwanda, bakazaruraga abuzukuru n'abuzukuruza.

Agaruka ku mateka yaranze u Rwanda, Komiseri yavuze ko u Rwanda rwo hambere amateka yarwo atugaragariza ko ubunyarwanda bwabaye ishingiro ry'ubutwari bwo kubaka Igihugu no kukirinda. Isano Abanyarwanda bemeraga ko basangiye yabasangizaga urukundo n'ishema bari bafitiye u Rwanda; gusa Abakoloni badutse, bashenye indangagaciro ubunyarwanda bwari bwubakiyeho, inzego z'imibereho zihindurwa amoko n'inyigisho z'inkomoko mpimbano y'Abanyarwanda ziramamazwa.

Komiseri yavuze ko imbuto y'amacakubiri yakomeje gusagamba mu gihe cy'ubukoroni na nyuma yabwo, aho yaje kwera ubwicanyi n'ubuhunzi mu bihe bitandukanye byagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994; Jenoside yahagaritswe n'ingabo z'ari iza FPR Inkotanyi, hagashyirwaho Leta y'Ubumwe yagaruriye ikizere abanyarwanda, yanashyizeho iyi gahunda nziza ya Ndi Umunyarwanda kugira ngo buri munyarwanda yumve atewe ishema no kuba umunyarwanda, ahuriye n'abandi ku gukunda Igihugu, ku kirinda no kugiteza imbere.



*Abanyeshuri banyuzagamo bakabaza ibibazo*

Yasoje asaba uru rubyiruko guhora rurangwa iteka no kugwiza ibikorwa by'ubumwe bw'Abanyarwanda kandi bagaharanira kubyamamaza kugira ngo byigishe abato n'abakuru bataragera kuri urwo rwego.

Ikiganiro cya kabiri ni icyatanzwe na Senateri Dr SINDIKUBWABO Jean Népomuscene. Mu kiganiro cye, yabwiye uru rubyiruko ko mu mwaka wa 2000-2003, hateguwe Itegeko Nshinga mu rwego rwo kurangiza inzibacyuho. Iryo Tegeko Nshinga ryatowe muri Referandumu yo ku wa 26 Gicurasi 2003 risohoka mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda yo ku wa 04 Kamena 2003.

Muri iryo Tegeko Nshinga, hashyizwemo **Amahame Remezo** hagamijwe gushyiraho inzira y'ubutegetsi nshya ibereye abanyarwanda ifasha kurangiza ibibazo bishingiye ku mateka mabi Igihugu cyacu cyanyuzemo kuko haba mu gihe cy'ubukoloni, muri Repubulika ya mbere n'iya kabili, u Rwanda rwaranzwe n'imiyoborere mibi, idashyira imbere inyungu z'abaturage haba mu mibereho n'iterambere ryabo, yimakaza ivangura itonesha n'amacakubiri byagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Igihugu gitakaza Abanyarwanda barenga miliyoni, ubukungu (bwari busanzwe bucumbagira) buragwa cyane; ubumwe bw'abanyarwanda bwari bwarangijwe n'imiyoborere mibi burahazaharira.



Senateri Dr SINDIKUBWABO Jean Nepomuscene atanga ikiganiro

Senateri Jean Nepomuscene yavuze ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, abanyarwanda bafashe umwanya batekereza ku Rwanda n'ahazaza harwo , bashyiraho inzira y'imiyoborere mishya ibabereye ifasha kurangiza ibibazo bishingiye ku mateka mabi Igihugu cyacu cyanyuzemo no kurinda ko byazongera kubaho ukundi, hashyirwaho Amahame Remezo anashyirwa kandi mu Itegeko Nshinga ryatowe n'Abanyarwanda, Sena ishyirwaho inashingwa by'umwihariko kugenzura iyibahirizwa ryayo.

Yagaragarije uru rubyiko ko nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 mu ngingo yaryo ya 10, Amahame Remezo ari atandatu ariyo:

1. Gukumira no guhana icyaha cya jenoside, kurwanya ihakana n'ipfobya bya Jenoside no kurandura burundu ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyo igaragariramo byose;
2. Kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere n'ibindi, no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda;
3. Gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize;
4. Kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo;
5. Kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo;
6. Gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye.

Agaruka ku mbogamizi mu ishyirwa mu bikorwa ry'Amahame Remezo, Senateri yavuze ko Amahame remezo ataramenyekana bihagije mu baturage ndetse no mu nzego z'ubuyobozi; amwe mu mategeko, Politiki na gahunda za Leta bitagaragaza mu buryo busobanutse uko bizafasha mu gushyira mu bikorwa amahame remezo; uruhare rubi rwa bimwe mu bihugu n'imiryango mpuzamahanga; imicungire mibi y'ibya rubanda haba umutungo ndetse na gahunda zigenerwa abaturage; uruhare ruto rw'umuturage mu bimukorerwa; ingengabitekerezo ya Jenoside ikigaragara muri bamwe mu banyarwanda; ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi rikorerwa mu mahanga; kutamenya amategeko; ingeso yo "gutekinika" … asaba uru rubyiruko guhangana n'izi mbogamizi.

Yasoje asaba uru rubyiruko gushishikariza bagenzi babo b'urubyiruko n'abakuru kumenya no kubahiriza aya Mahame Remezo u Rwanda rugenderaho

## URUBYIRUKO RUKURIKIRA AMASOMO MU IHURIRO RWAHAWE IBIGANIRO KU IMIYOBORERE Y'U RWANDA TWIFUZA NO KWIHANGIRA UMURIMO


*Abanyeshuri bakurikiye amasomo*

*Uretse amasomo asanzwe kuri gahunda y'ishuri ry'Ihuriro ryigisha ibya politiki n'imiyoborere YPLA, urubyiruko ruyakurikira rwahawe ikiganiro ku miyoborere y'u Rwanda twifuza; icyiganiro cyatanzwe na Prof. SHYAKA Anastase Umukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB)*, *bahabwa kandi n'ikiganiro ku kwihangira umurimo cyatanzwe na Bwana Germain NIYOMUTABAZI waturutse muri MINICOM.*

Mu kiganiro ***Imiyoborere y'u Rwanda twifuza***, Prof SHYAKA Anastase yavuze ko imiyoborere y'u Rwanda twifuza ari *imiyoborere ishingiye ku bayobozi bafite icyerekezo cyiza cy'Igihugu, bashyize imbere umutekano w'abanya rwanda n'abatuye u Rwanda bose, bahangayikishijwe n'iterambere n' imibereho myiza y'abanyarwanda, barangwa no kurwanya amacakubiri ayo ari yo yose, baharanira ubumwe bw'abanyarwanda n'ubumwe bw'Igihugu; bashyize imbere imiyoborere ishingiye ku munyarwanda n'ineza y'u Rwanda.*

Prof. Shyaka Anastase yasobanuriye uru rubyiruko ko imiyoborere ariyo musingi w'u Rwanda twifuza, ikaba ariyo ifasha kubaka umusingi uhamye ubundi buzima bw'Igihugu bushingiyeho. Yabwiye urubyiruko rwari rwitabiriye iki kiganiro ko Imitwe ya politiki mu Gihugu cyacu ifite uruhare rukomeye mu kubaka imiyoborere y'u Rwanda twifuza, kuko ari yo itanga abayobozi bayobora Igihugu n'abagituye. Yakomeje agaragaza inkingi zikomeye zishingirwaho mu kubaka u Rwanda twifuza.


*Prof. SHYAKA Anastase*

Izo nkingi yavuze ko ahanini tuzisanga mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, agaruka by'umwihariko kuri izi zikurikira:

(a) Ubumwe bw'Abanyarwanda
(b) Ubwumvikane busesuye no kujya inama kenshi
(c) Gusangira ubutegetsi nta bwikanyize.

Yakomeje agaragaza ko twahisemo gukomeza kuba umwe (Unity) kuko bidufitiye akamaro kadashidikanywaho, duhitamo kuba Igihugu kigendera ku mategeko no kuyubahiriza (Accountability and rule of laws), tunahitamo kandi gutekereza bigari biganisha ku iterambere rirambye (Thinking big). Yavuze ko Abanyarwanda tugomba guharanira ko inyungu z'Igihugu ziza mbere y'ibindi byose. Ashimangira ko Abanyarwanda bamaze kumenya icyo bifuza ko ari nayo mpamvu bakora uko bashoboye bakagiharanira, ni ukuvuga ubumwe bw'Anyarwanda n'iterambere ryabo, bayobowe n' ubuyobozi bihitiyemo.

Yasobanuye aho imiyoborere myiza y'Igihugu ihuriye n'iterambere ry'abagituye, agaragaza ko imiyoborere myiza ari umusemburo (cataliseur) udashidikanywaho w'iterambere ryihuse. Yashishikarije urubyiruko rwo mu mitwe ya politiki gukomeza guharanira imiyoborere myiza kuko ari umusemburo w'imibereho myiza n'iterambere ry'Igihugu ry'Abanyarwanda bose. Imitwe ya politiki nayo ikaba isabwa buri gihe gushyira imbere imiyoborere myiza irangwa no gushyira imbere inyungu z'umunyarwanda kuko ari cyo abaturage bayitezeho bigatuma ikomeza kugarurirwa icyizere. Yakomeje yibutsa ko Imitwe ya politiki igomba iteka kugaragaramo ubumwe bw'Abanyarwanda,kudahungabanya umutekano, ubusugire n'umudendezo by'Igihugu.

Nyuma y'iki kiganiro, urubyiruko rwari rwitabiriye rwabajije ibibazo bitandukanye birimo gushaka kumenya igikorwa mu rwego rw'imiyoborere kugira ngo ubusumbane hagati y'abakize mu Rwanda n'abakene budakomeza kuzamuka cyane; hanabajijwe impamvu u Rwanda rwatekereje gushyiraho Urwego rupima imiyoborere; habazwa umusanzu umuturage atanga mu igenamigambi ry'Igihugu mu gihe imyumvire n'ubushobozi bye bikiri hasi; banatanze inama ko RGB ikwiye kujya ishyira imbaraga mu gusuzuma uko ibintu bikorwa mu nzego z'ibanze cyane cyane kuva ku urwego rw'Umurenge kugera ku Mudugudu kuko ngo akenshi ariho ibintu bipfira.

Ikiganiro cyashoje, abakitabiriye bafashe umugambi wo gufatanya kugira ngo dukomeze kubaka u Rwanda twifuza.

Mu kiganiro cyo ***kwihangira umurimo no guteza imbere ibikorerwa mu Gihugu***, Bwana NIYOMUTABAZI Germain yasobanuye impamvu y'iyi gahunda ya Hanga umurimo aho yavuze ko ari iyo gukangurira Abanyarwanda kwihangira imirimo idashingiye ku buhinzi n' ubworozi ko kandi gahunda Igihugu cyafashe yo guteza imbere ubucuruzi buto buto n'ubuciriritse aribyo bizihutisha iterambere ry'umuturage akava ku musaruro mbumbe muto akagera ku uciriritse bitarenze mu mwaka wa 2020.

Yavuze ko kwihangira imirimo m'urubyiruko ari uburyo n'amahirwe yahawe urubyiruko, rwaba ari urangiza amashuri makuru na za kaminuza n'urundi rubyiruko muri rusange nk'igisubizo kirambye cy'ibura ry'umurimo riterwa n'ihindagurika ry'isoko ry'umurimo mu gushyiraho uburyo buhamye kandi bunoze bw'umurimo ku isi muri rusange no mu Rwanda by'umwihariko. Mu gushishikariza urubyiruko rwikorera guhanga ibikorwa rusabwa kwibanda ku guhanga udushya no kureba neza ibyagirira abaturage akamaro hibandwa cyane ku mahirwe y'ibikenewe mu gace aka n'aka, kureba ubumenyi bwihariye bw'abazashyira mu bikorwa uwo umushinga, ingano y'isoko n'ubushobozi mu kwegera no gukorana n'ibigo by'imari.


*Bwana NIYOMUTABAZI Germain, (Hagati) waturutse muri MINICOM*

Yavuze ko Leta nayo yashyizeho amahirwe menshi ku rubyiruko rwifuza kwihangira imirimo, harimo nko gutegura no gutanga amahugurwa y'igihe gito yihariye ku mirimo runaka, abayarangije bagahabwa ibikoresho by'ibanze byabafasha gutangira umurimo kandi bakoroherezwa gukorana n'ibigo by'imari birimo za SACCO.

Yavuze kandi ko Leta igenera abarangije amashuri makuru na za kaminuza uburyo bwo kwimenyereza umwuga, aho bajya mu bigo bitandukanye bya Leta n'iby'abikorera bakahamara amezi atandatu (6), bimenyereza umurimo bijyanye n'ibyo bize; avuga kandi ko bagenerwa ubujyanama mu mishinga batekereje, ikaba yanagenerwa inkunga cyangwa ikishingirwa mu bigo by'imari bitandukanye.

Agaruka ku guhanga umurimo hashingiwe ku bikorerwa mu gihugu (Made in Rwanda), yabwiye uru rubyiruko ko aha harimo amahirwe y'ishoramari ku buryo bugaragara, kuko abanyarwanda bamaze kumva akamaro ko gukoresha iby'iwabo ku buryo ubikora cyangwa ubicuruza atagira impungenge z'isoko, dore ko kubera ubwiza ibyinshi bikoranye, bimaze no kugera ku isoko mpuzamahanga.

Yasobanuye ko Leta yafashe ingamba zikomeye mu guteza imbere iyi gahunda ya Made in Rwanda, harimo kuvugurura itegeko rigenga amasoko ya Leta, aho ibicuruzwa bya Made in Rwanda bigabanyirizwa imisoro cyane ugereranije n'iby'ubwoko bumwe bitumizwa mu mahanga; gukuriraho burundu imisoro kuri bimwe mu bicuruzwa bya Made in Rwanda, gushyiraho ingamba zirengera inganda n'ibicuruzwa bikorerwa mu Gihugu n'ibindi.

Urubyiruko rukurikira amasomo muri iyi gahunda y'amahugurwa rwanyuzwe n'iki kiganiro, rutaha rwiyemeje gukora ibishoboka ngo narwo rwinjire muri iyi gahunda ya Hanga Umurimo, runashishikarize bagenzi babo kumva ko Leta ishyize imbere kwihangira imirimo kuruta gutanga umurimo.